



Our Health  
Our Future

### ITANGAZO RIGENEWE ABAKORESHA N'ABAKOZI

Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda runejewe no kumenyesha abakoresha n'abakozi bose ko hasohotse Itegeko N°49/2024 ryo ku wa 04/06/2024 rihindura Itegeko N°003/2016 ryo kuwa 30/03/2016 rishyiraho kandi rigatunganya ibigenerwa abagore mu kiruhuko cyo kubyara. Iryo Tegeko rishya ryasohotse mu Igazeti ya Leta numero idasanzwe yo kuwa 11/06/2024, rikaba rrimo impinduka z'ingenzi zikurikira:

- Ikiruhuko cyo kubyara cyarongerewe kivanwa ku byumweru 12 gishyirwa **ku byumweru 14**. Umukoresha azajya yishyura umugore wabyaye umushahara w'ibyumweru bitandatu bya mbere nk'uko bisanzwe, mu gihe ibindi byumweru 8 bizajya byishyurwa n'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda.
- Kugira ngo umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yishyurwe mu buryo bworoshye, umukoresha azajya amuha umushahara wose w'ibyumweru 14, harimo n'ibyumweru umunani wishyurwa n'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda, hanyuma umukoresha asabe Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda gusubizwa uwo mushahara yishyuye w'ibyumweru umunani.
- Igihe cyo gusaba gusubizwa umushahara wishyuwe umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara cyavuye ku mezi atatu gishyirwa ku mezi atandatu abarwa uhoreye igihe umugore yarangirije ikeruhuko cyo kubyara.

Ikindi cy'ingenzi kigaragara muri iri tegeko rishya ni uko ryatangiye gukurikizwa ku munsi ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ariko agaciro karyo kagahera kuwa 02/08/2023 kugira ngo abakoresha bahaye abagore ikeruhuko cyo kubyara cy'ibyumweru 14 bashingiye ku Iteka rya Minisitiri n°02/MIFOTRA/23 ryo kuwa 01/08/2023, ariko bakaba barasubijwe gusa amafaranga y'ibyumweru bitandatu, bashobore gusubizwa amafaranga y'ibyumweru bibiri by'inyongera batahawe.

Urwego rw'Ubwiteganyize mu Rwanda rukaba rusaba buri mukoresha watanze ikeruhuko cy'ibyumweru 14 kurugezaho ubusabe bwo gusubizwa amafaranga yatanze ku mukozi we, agatanga kandi icyemezo kigaragaza ko umukozi yafashe icyo kiruhuko giherekewe n'impapuro z'imishahara yahembeweho muri icyo gihe. Urwego rw'Ubwiteganyize mu Rwanda ruboneyeho kandi kumenyesha abakoresha bose ko **kuva ku itariki ya 08/07/2024 gusaba gusubizwa umushahara wahembwe umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bikorwa mu buryo bw' ikoranabuhanga unyuze ku rubuga [www.ishema.rssb.rw](http://www.ishema.rssb.rw).**

Uwagira ikibazo yaduhamagara ku murongo wacu utishyurwa 4044 cyangwa akawandikira kuri:[info@rssb.rw](mailto:info@rssb.rw).

Bikorewe i Kigali ku wa: 01./.08./2024

*[Signature]*  
Regis RUGEMANSHURO  
Umuyobozi Mukuru





Our Health  
Our Future

## PUBLIC NOTICE

Rwanda Social Security Board is pleased to inform all employers and employees of the adoption of Law No. 049/2024 dated 04/06/2024, which amends Law No. 003/2016 dated 30/03/2016 establishing and governing the maternity leave benefits scheme. The new law has been published in the Official Gazette n° Special of 11/06/2024 and includes several significant provisions:

- The maternity leave period has been extended from twelve (12) to **fourteen weeks (14)**. The employer will continue to cover the salary for the first six weeks as usual, while RSSB will provide benefits for the remaining eight weeks.
- For practical reasons, the employer will pay maternity leave benefits for the entire fourteen weeks and will subsequently claim reimbursement from RSSB for the eight weeks.
- The deadline to apply for reimbursement has been extended from three months to six months from the date of completion of maternity leave.

Additionally, we would like to highlight that the law has retroactive effects starting from 02/08/2023. This allows employers who granted fourteen weeks of maternity leave and corresponding benefits based on Ministerial Order n° 02/MIFOTRA/23 of 01/08/2023 published in the Official Gazette n° Special of 02/08/2023, but were only reimbursed for six weeks under the prevailing law at that time, to now claim reimbursement for the additional two weeks of benefits.

RSSB requests any employer who granted fourteen weeks of maternity leave to submit a claim reimbursement to RSSB with supporting documents. These documents should include a letter or certificate confirming the maternity leave granted and pay slips related to the fourteen weeks of maternity leave.

Furthermore, RSSB takes this opportunity to inform all employers that since **July 8th, 2024, requests for Maternity Leave Benefits reimbursement are submitted online through [www.ishema.rssb.rw](http://www.ishema.rssb.rw).**

For any inquiries and further information, please do not hesitate to contact us on our toll-free line 4044 or via email at [info@rssb.rw](mailto:info@rssb.rw)

Done at Kigali on 01/08/2024

  
Regis RUGEMANSHURO  
Chief Executive Officer





Our Health  
Our Future

### AVIS AU PUBLIC

La Direction de l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale (RSSB) a le plaisir d'informer tous les employeurs et employés de l'adoption de la loi N° 049/2024 du 04/06/2024, modifiant la loi N° 003/2016 datée du 30/03/2016, portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité. La nouvelle loi a été publiée dans le journal officiel N° spécial du 11/06/2024 et contient des modifications suivantes :

- Le congé de maternité a été prolongé de 12 à **14 semaines**. L'employeur continuera à couvrir le salaire pour les six premières semaines comme d'habitude et l'Office Rwandais de Sécurité de la Sociale remboursera à l'employeur les prestations de congé de maternité pour les huit semaines restantes.
- Pour des raisons pratiques, l'employeur payera la totalité de salaire de 14 semaines et réclamera par la suite le remboursement de 8 semaines.
- La date limite pour demander un remboursement a été prolongée de trois mois à six mois à compter de la date de fin du congé de maternité.

Nous voulons souligner que cette loi aura des effets rétroactifs à partir du 02/08/2023. Ceci permettra aux employeurs qui ont accordé 14 semaines de congé de maternité suivant l'arrêté ministériel n° 02/MIFOTRA/23 du 01/08/2023 publiée dans le journal officiel n° spécial du 02/08/2023, mais ayant bénéficié le remboursement de 6 semaines seulement, suivant l'ancienne loi, de réclamer le remboursement de 2 semaines additionnels.

De ce fait, l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale demande à tout employeur ayant accordé 14 semaines de congé de maternité à ses employées de soumettre une demande de remboursement avec tous les documents justificatifs à l'Office Rwandais de Sécurité Sociale. Ces documents requis doivent être accompagnés d'une lettre ou d'un certificat confirmant le congé de maternité accordé et les bulletins de paie relatifs aux 14 semaines de congé de maternité.

L'Office Rwandais de la Sécurité Sociale profite de cette occasion pour informer tous les employeurs que depuis **le 8 Juillet 2024**, les **demandes de remboursement des prestations de congé de maternité sont déposées via [www.ishema.rssb.rw](http://www.ishema.rssb.rw)**.

Pour toute autre information, veuillez nous contacter au 4044 ou via notre email: [info@rssb.rw](mailto:info@rssb.rw).

Fait à Kigali le 01/08/2024

*[Signature]*  
Regis RUGEMANSHURO  
Directeur Général

